# 78: Kera har' umubibyi Wasohoy' imbuto

1.

Kera har' umubibyi Wasohoy' imbuto; Zimwe zigwa ku nzira, Zimarwa n'inyoni, Izindi ku rutare,Zumishwa n'izuba,Kuko zari zibuze Ahantu horoshye.

2.

Mu mahwa hagw' izindi,Zikurana na yo; Nukw aziniga zose, Ntizera na gato.
Izindi mbuto zigwa Mu butaka bwiza;Zimeze. zirakura, Zer' imbuto nyinshi.

3.

Har'umubibyi wundi,Ni Yesu Krisito. Ijambo ry'agakiza Ni iyo mbut' abiba, Kand’ imitima yacu Ni na yo mbibe ye,Ari mib’ ari myiza, Amishamw imbuto.

4.

Ku mutwe n'ibiganza No ku birenge bye, Hatonyang' amaraso Akibib' imbuto;
Imvura ni y'imeza Imbuto z'iyi si : Amaras' akameza Izo mu mitima.

5.

Mugenzi, har' ibiki Mu mutima wawe ? N’ inzira nyinshi, mbese ? Cyangwa n' urutare ? Cyangwa n' imbibe nziza? Mbe harafumbiwe ? Weramw imbuto nziza,Cyangw' umez' amahwa ?

6.

Umwami Yes' azaza Gusarur' imbuto; Azaz’ afit' intara, Maz' azigosore; Ingano nziza zose Azazihunika, Maz' umuram' awute Na wo mu muriro.

7.

Uzajya hehe wowe ? Nturabimenya se? Uzajya mu kigega, Cyangwa mu muriro?
Urorere gutinda :Wihane nonaha! Uyu n' umunsi mwiza Wo kwemererwamo.